Repubulika y'U Rwanda

Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Gatsibo

**ITANGAZO RY'AKAZI**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka abakozi 22 b'urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) batari mu mwanya w'ubuyobozi.

**Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO ni ibi bikurikira:**

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba yabisabye ku bushake;
- Kuba agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
- Kuba afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
- Kuba afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta;
- Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere;
2. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka ku rubuga rwa interineti rwa komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta no ku biro by'Akarere ;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi yavuzwe haruguru itariho umukono wa Noteri ;
4. Fotokopi y'indangamuntu;
5. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge abarizwamo.

Dosiye isaba akazi igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere cyangwa ikoherezwa kuri imeli y'Akarere **info@gatsibo.gov.rw** kuva ku wa 21/07/2025 kugeza 31/07/2025 saa 17h00

Iri tangazo riboneka kandi kuri Website y'Akarere ka Gatsibo ariyo : **www.gatsibo.gov.rw**

Bikorewe i Gatsibo ku wa 18/07/2025

**IBINGIRA Frank**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo.